

St JOSEPH

1

Gufasha Kiiiziya n'Ituro rya Kiliziya

"Utanze imfashanyo ya Kiliziya aba agurije Imana!"

Amategeko ya Kiliziya atumarira iki? (Gatigisimu No. 202):

Amategeko ya Kiliziya adufasha kurushaho gukorera Imana, kuyikunda no gukunda bagenzi bacu.

Turabizi neza kuvuga iby'ITURO rya Kiliziya ntibishimisha abakristu bamwe. Benshi usanga baritanga bagononwa, abandi bakanabeshya igihe baba bamaze igihe kirekire bataritanga, abandi bo rwose bakarinyega banyita "umusoro", n'ibindi bisa nk'ibyo barivugaho! Hakaba rero rubanda nyamwinshi basa n'aho izo nkoni rwose batazikubitwa, gutanga ituro kuri bo bakaba batabikangwa mu buzima bwabo! Abakristu benshi ntibatanga ituro rya Kiliziya kereka iyo bifuzaga gusezerana gikristu, kubatirisha abana babo, cyangwa kubyara mu masakramentu atandukanye!

Nyamara ituro rya Kiliziya ni karande muri uwo muryango w'abakristu. Kuva mu ntangiriro Kiliziya yatewe inkunga n'abana bayo, ari ku biyitanga ari no mu kurangiza imirimo inyuranye tuyisangamo. Itegeko rya 7 mu mategeko ya Kiliziya rirabitwibutsa : "Urajye utanga imfashanyo ya Kiliziya" (reba mu Gitabo cy'Umukristu kuri p. 50).

Turebere hamwe ibireba ITURO rya Kiliziya

Gutanga ituro rya Kiliziya, ni uburyo bwo gushimira Imana kubera ibyiza ihora itugirira. Bibiliya itubwira ko byose bituruka ku Mana. Imana ni Yo Rurema. Guhera kuri Abeli, mwene Adamu na Eva, abantu batuye Imana ku bintu batunze. Kandi abaturanye umutima mwiza, Imana yabahaye umugisha.

Mu Isezerano rya Kera, baravugaga ngo : *"Igihe kirahita, Kayini ashyira Uhoraho amaturo avuye mu myaka y'imirima ye. Abeli na we azana uburiza mu matungo ye, agerekaho n'ibinure byayo. Uhoraho ashima Abeli n'amaturo ye, ariko ntiyashima Kayini n'amaturo ye."* (Intangiriro, 4, 3-5) Impamvu yo kutishima kwa Kayini ngo ahari ni uko atari akeye ku mutima; Uhoraho abaza Kayini ati *"Urakajwe n'iki? Kandi ni iki cyatumye uhinduka mu maso? Nugenza neza, ntuzubura umutwe se? Naho nutagenda neza, itonde kuko icyaha kibunze ku irebe ry'umuryango wawe*

ngo kigusumire, ariko wowe ugomba kukirusha amaboko". (Intangiriro, 4, 6-7). Byaba byiza gutanga ituro n'umutima mwiza nta buriganya kuko Imana yonyine ni Yo ituzi tukirinda kubeshya mu gihe dutanga ituro ryacu. Twongera gushishikarizwa ituro mu Byanditswe Bitagatifu aho bagira bati: *"Buri mwaka uzajye ugerura kimwe cya cumi ku bihingwa byose uzaba warabibye, ukabisarura mu mirima yawe.... Nuko umulevi, kuko we adafite umugabane cyangwa umunani nkawe, kimwe n'imfubyi n'umupfakazi bari mu migi yawe, baze barye bahage, kugira ngo Uhoraho Imana yawe aguhere umugisha mu mirimo ukora yose"*. (Ivugururamategeko, 14, 22.29). Ikindi kandi *"Ituro rya kimwe cy'icumi mugabanya ku myaka y'imirima yanyu no ku mbuto z'ibiti, riba ari umugabane w'Uhoraho. Ni ikintu gitagatifu kigenewe Uhoraho"* (Abalevi, 27, 30).

No mu Isezerano Rishya, mu gihe cya Yezu, habagaho ituro ry'Ingoro y'Imana : *"Yezu yari yicaye mu Ngoro y'Imana, ahateganye n'ububiko bashyiragamo amaturo, yitegereza uko rubanda batura. Abakungu benshi bashyiragamo byinshi. Maze haza umupfakazi w'umukene, ashyiramo udukeri tubiri. Yezu ahamagara abigishwa be, arababwira ati 'ndababwira ukuri : Uriya mupfakazi w'umukene yarushije abandi bose gutura. Kuko bariya bose bashyizemo kuby'ikirenga, naho we yashyizemo ibyari bimutunze byose"*. (Mariko 12, 41-44)


Muri make, iyi ni yo nkomoko y'ituro rya Kiliziya rigomba gutangwa buri mwaka; kuko riba rikenewe kugira ngo Kiliziya ibashe kubaho, gukora imirimo yayo, kugura ibikoreho, guhamba abakozi ifite, gutunga abapadiri, gusana ibyangirika, gutabara abakene n'indushyi zitagira kirengera n'ibindi bikenerwa mu kubeshaho paruwasi n'ibikorwa isabwa gutunganya nk'urugo rw'abana b'Imana mu bantu. Gutanga ituro rya Kiliziya byerekana ugushyira hamwe tugirira umuryango wacu, ari wo Kiliziya. Kiliziya igizwe na bande? Ntabwo igizwe n'abepiskopi n'abapadiri bonyine! Ahubwo igizwe n'abatijwe twese. Kiliziya ni umuryango w'abana b'Imana, bemera Kristu bose. Nk'uko dusanzwe tubimenyereye, mu muryango, abana bawo bose barawukorera, bakawuhahira bakawitaho uko bashoboye bashyize hamwe. Muri Kiliziya naho ni kimwe. Niba Kiliziya ari umuryango, itungwa n'abagize uwo muryango bose. Twabonye ko kuva mu ntangiriro Kiliziya nk'umuryango itunzwe n'abana bayo. Ibitunga Kiliziya biratureba rwose ntutukayitererane twitana bamwana!

Kudatanga ituro rya Kiliziya buri mwaka, ubwabyo ntabwo ari cyaha gikomeye; biri mu rwego rw'ibyaha bitoya. Nyamara ariko kudatanga iryo turo kandi ubifitiye ubushobozi, ubwabyo ni kimwe mu bimenyetso bibi bigaragaza ubukristu buke n'ubushake buke mu rwego rwo gushyigikira Kiliziya, Umuryango w'Imana winjyemo ku bwa Batisimu n'Ugukomezwa. Ni yo mpamvu Umukristu mwiza wese atanga iryo ituro uko abishoboye : keretse umukene cyane, wasonewe n'umuryangoremezo abarurirwamo, bigashimangirwa na komite nyobozi ya santarari, mbere y'uko Padiri mukuru wa paruwasi afata icyemezo cyo gukura uwo mukene ku rutonde rw'abakristu basabwa gutanga ituro rya Kiliziya buri mwaka (reba mu gitabo "Tugendere hamwe" numero ya 942).

Umukristu wese wakomejwe ategetswe gutanga ituro rya Kiliziya buri mwaka. Gutanga iryo turo ni rimwe mu mategeko ya Kiliziya "Urajye utanga imfashanyo ya Kiliziya". Ituro rya Kiliziya ritangwa igihe cyose umuntu ariboneye mu mwaka; ariko ibyiza ni ukuritunga bitarenze igihembwe cya 3 cy'umwaka, ni ukuvuga mu kwezi kwa 9. Buri mukristu ukorera umushahara asabwa gutanga mu mwaka 1/10 cy'umushahara w'ukwezi kumwe mu mwaka; abikorera nibo bagena 1/10 mu byo baronka; nk'uko byemejwe n'inama y'ikenurabushyho ya paruwasi yacu : abakristu bakuze ariko badafite akazi bahemberwa ku kwezi, batanga amafaranga 3000 kimwe n'abanyeshuri biga mu mashuri makuru na kaminuza; abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye batanga amafaranga 1500, naho abo mu mashuri abanza batanga amafaranga 600. Bitabujije ko umukristu ufite ubushobozi busumbye ibyo asabwa n'ituro ryagenwe yatanga uko yifite.

**TWIYUBAKIRE KILIZIYA TUTAGONONWA KUKO BISHIMISHA
IMANA, NA YO IKABIDUHERAMO UMUGISHA!**

Padiri Mukuru wa Paruwasi Gikondo


Padiri RWASA Chrysante, sac

